

KRISTU ARAGARUTSE, ARIVUGIRA UKURI KWE

IBARUWA YA III

(Kubera ko aya mabaruka abajyana mu rwego rwa roho n’ubwenge rurenze imbago za muntu z’ibibazo n’ibyo ahibikana, azarushaho kubacengera nimubanza gufata umwanya wo gutuza no kwirekura. Gatekerezi muzifashe gutuza mwinjira mu bucece bw’ibitekerezo imbere muri mwe. Igihe muzaba muri muri uwo mutuzo wo kwakira bitomoye ni bwo gusa aya mabaruka azacengerana ukuri kwayo mu mitekereze yanyu ya muntu.) Brw3/01

URUKUNDO NYA-JURU¹ rwanjye RUTAGIRA UMUPAKA runtera guhora ngaruka kwandikira inyoko muntu, ngamije kugira ngo amaherezo, - abenshi bishoboka muri mwe biteguye kubwakira, - bazagire ubumenyi buzabashoboza kurenga kamere muntu bakibira mu ‘Ibonunumva Data’ - ‘Ibonunumva Rukundo’ nyakuri ibintu byose byuzuye ubuntu n’ubwiza biremerwamo. Brw3/02

Nkuko nabivuze mbere kandi nshaka kubisubiramo, ubutumwa bwanjye bwose ku Isi bwatwe n’URUKUNDO kandi bwaharaniraga GUSA kwigisha Ukuri kw’Imibereho, kuko ubwo bumenyi butabayeho, nta yandi mizero yo gukizwa imibabaro muntu avukira kunyuramo. Brw3/03

Ndabizi ko iyi mvugo izashavuzwa abakurikira idini ry’Ubukirisitu babikuye ku mutima kandi bitanga, ndetse n’abashyize ukwemera kwabo kose muri ‘Yezu’. Ariko ndababwiza ukuri; kugira ngo mubashe kwigobotora kamere muntu ibabuza gushyikira bisesuye UKURI MPUZAHOSE no gusobanukirwa na kamere nyakuri y’ *‘imimerere nya-roho-nya-muntu’*² nise ‘Ingoma y’Imana’, *mugomba kwigobotora amahame y’umusazira y’ ugukizwa n’amaraso ya Ntama’, Ubutatu Butagatifu, n’ibindi byemerwa, maze mukagana UKURI KW’IMIBEREHO murangwa na gatekerezi zigunfuye bitomoye zikereye kwakira.* Brw3/04

Nta kundi gukizwa gushoboka. ‘Imana’ ntishobora ‘kubarokora’ igihe cyose, mu kutamenya ibyerekeye imibereho, inyokomuntu izakomeza gukora amakosa amwe mu birebana n’iby’isi kugeza mu maherezo y’ibihe, *yiremera ityo indwara n’ubutindi.* Brw3/05

Byongeye kandi, icyo ari cyo cyose umuntu yemera ku bijyanye n’ ‘ikizwa ry’ibyaha’ ni ukwibeshya kwa muntu, kuko Itegeko ry’Impamvu ikurura Ingaruka ridashobora gupimwa kandi rikaba ari ikirango kamere, kimeza, gisharaze mu mibereho. Impamvu n’ingaruka ntimushobora kubitandukanya, nkuko mutasibanganya impamvu ngo ingaruka zikomeze kubaho. Ibi ni Ukuri muri buri rwego rw’Ukuba. Brw3/06

Ubungubu mwaba ahari mwarateye intambwe mu mitekereze yanyu ku buryo mwashobora kwakira ukuri shingiro mugiyeye kugezwaho kwerekeye imibereho yanyu ku isi. Brw3/07

¹ Celestial (*) Akanyenyeri kavuga ko ushobora kureba igisobanurocy’ijambo ry’ikinyarwanda mu rutonde ruri ku musozo w’Ibaruwa.

² Spiritual-human condition (*)

Itegeko ry’ ‘Impamvu ikurura Ingaruka’, “Gusarura no Kubiba” ni inkurikizi igaragara y’ibyo mwita ‘amashanyarazirukuruzi’³ kandi nta muntu n’umwe ufite ubumenyi na buto bw’ikoranabuhanga wakwitega ko ‘Imana’ yashyira ku ruhande amategeko y’amashanyarazirukuruzi, ari yo mategeko agenga ‘Ubukozi-kumatisha-kurekanya.’ Brw3/08

‘Ubukozi-Kumatisha-Kurekanya’ cyangwa ‘Umunyeganyego-Ikurura-Isunika’ ni zo MUSHYIGUZI shingiro z’IMIBEREHO n’iz’IBONUNUMVA RYA MUNTU ubwaryo, zazanye mu buzima amaforoma yanyu agaragara kandi zikaba ari zo zonyine ‘bikoreho’ by’iremwa cyangwa ‘biremesho’. Izo mushyiguzi ni zo nyirabayazana zo guhanga ingizi⁴ cyangwa ‘ibifatika’⁵ no kuvubuka kw’amaforoma yihariye, ku ndunduro zikarema jye-babona ubwayo mu binyabuzima byose. Brw3/09

Kubera ko ayo Mategeko ari yo ashinze imibereho yanyu bwite, ntibishoboka kuyafasha ku ruhande. Ntabwo rero mushobora kwirengagiza ingorane karemano ziri mu mibereho bwite yanyu, ngo hanyuma mwibwire ko ‘Imana’ izazibakiza. icyizere cyanyu cyonyine cy’uko amaherezo muzabikizwa burundu, mukava muri zunguruka y’ubunararibonye bwa muntu, ni uko mwabanza kubyemera no kubyakira, noneho mugaharanira umunota ku wundi kubirenga kugira ngo amaherezo muhuze, mukeye muri gatekerezi, imitima n’imikorere, maze mube ‘umwe’ n’Ibonunumva ry’Urukundo Mpuzahose, ‘Data’ ikora UMURIMO W’URUKUNDO. BRW3/10

Muri icyo gihe kandi, uko muzagenda mutera imbere mu kubona neza KAMERE nyakuri ya ‘Data’ ‘imbere muri mwe, ibasumba kandi ibakikije’, muzakurizamo kugira ukwemera kutajegajega ko, mu byababaho byose, mushobora kuvoma ako kanya mu kwerekwa, ububasha no kuzamurwa bituruka kuri ‘Data’ imbere muri mwe kandi ibakikije. Muzagera aho MUMENYA ko rwose ari ‘Data’ ibashyigikiye ikanabayobora mu Ngoma y’ ‘Ibonunumva ry’Urukundo Data’. Brw3/11

Muzatamurukirwa no kumenya ko mu gihe ‘Data’ iri impuzahose, inari umwihariko kuri mwe. Irabazi, ibitekerezo n’ibibazo byanyu irabibona neza. Mu ‘Ibonunumva ry’Urukundo Data’ hari ibisubizo mahwi bitegereje ko mubitahura. Nimubitahura muzakizwa ububabare nimwemera koroha no kubwirwa mukumva. Igihe cyose muzaba mutaragororokera gutega amatwi, ntabwo muzigera mwuzuzwamo ‘Ibonunumva ry’Urukundo Data’. Brw3/12

Reka mbacire umugani: nimutekereze umwana waba agongera, akarashya imigeri ngo arashaka ikinyunyuzwa kiryohereye. Muri icyo gihe cyose avuza induru, ise yanambiye ku muryango w’icyumba cye, ategereje kumwereka ko yamuzaniye cya kinyunyuzwa n’imbuto. Brw3/13

Mushobora kwibwira ko uyu mugani uvuga akadashoboka, nyamara ni amanyakuri. Aba mama bakwibukiraho igihe abana babo babaga bahogojwe n’ikintu, banga kumva icyo nyina yabaga agerageza kubabwira, kandi yarangiye kubabonera igisubizo, ategereje gusa ko babanza kureka induru bakanihanagura amarira. Brw3/14

³ Electromagnetism (*)

⁴ Substance (*)

⁵ Matter (*)

Mbasha kumva imibabaro y'imbaga, imiborogo n'amarira yayo, kandi impuhwe zanjye ntizigira umupaka. Ndabumva rwose, ariko nkurikije uko ibonunumva ryanyu rihagaze ubu, nta kigaragara nabamarira. Brw3/15

Simbasha gucengera imigozi n'iminyururu y'imyaka mumaze mu mitekerereze n'imikorere yuje ubujiji. Nduzi akababaro gakomeje gukururwa muri za kiliziya, mu mirimo no mu ntebe z'amahame bitewe n'inyigisho zuzuye ubujiji. Nduzi amahanga n'abayatuye bahatana bivuye inyuma ngo bikure mu ngorane baterwa na za karande zabo mu byo bashyize imbere, mu mico no mu byo bemera mu madini. Nduzi ibibazitira mu buzima bwabo bwa buri muni, nduzi ukuntu babuze igisubizo cy'ibyo bakeneye n'ibyo bagamije, n'imibabaro baterwa n'imibanire yabo ya buri bwoko. Brw3/16

Ibonunumva rusange rikomoka ku isi rigizwe n'imyotsi y'ubwoba, inzika, uburakari, ihubagurika ry'amarangamutima rikomoka mu byifuzo bitagira rutangira, kwihorera no gucoka, bivanze n'impuhwe, ubushake butajegajega bwo kuzamura ibonunumva ry'isi, no kwitangira guharanira urukundo rutagira ikigombero biranga abakiriye kwerekwa hamwe n'intera y'ubumurikirwe. Brw3/17

Nza hafi cyane y'abantabaje ngakorana na bo kugira ngo akaga kabo kagabanuke, ariko imyubakire-mutwe n'ibyemerwa byabo bibasharaze mu bwonko ku buryo Ukuri kwanjye kutabasha kubihinguranya ngo kuzanire gatekerezi zabo ubumenyi bushya. Abantu benshi barumvise, n'ubwo byabaye umunyaruko n'igicagate, ariko babuze ubutwari bwo kwakira ibitekerezo bishya no kubyatura. Byongeye kandi, igihe cyari kitaragera cyo kunyura mu bihindizo by'ibonunumva rya muntu ngo mwigishwe. Brw3/18

Ariko noneho ubu igihe kirageze. Mwinjiye mu gihe cy'ubugabwe bushya bw'inkurikirane z'imivumero⁶ zizaborohereza kwigobotora ukwihambira ku bintu kw'igihe cyahise. Ibyo mbabwiye bishobora kubabera nk'akayobeza, ariko hari ikigega mpuzahose cy'ubumenyi bwerekeye ingufu zitandukanye kugeza ubu mutaranageza kumva. Magingo aya, nta gatekerezi yo ku isi yashobora kubisobanukirwa. *Icyo mushoboye gusa ni 'ukwihimba amashusho mu mutwe' y'ubwisanzure⁷ bw'izo ngufu, ariko uko si ko kuri. Brw3/19*

Bizabafasha rero nimubasha kwakira ibyo mvuga mukabyemera kubera kunyizera, kuko ari amanyakuri. Mugeze mu nkurikirane nshya z'imivumero zirebana n'ibonunumva nya-muntu', zikaba zizabafasha gutera intambwe mu bukure bwa roho n'ubuhanga nababwiye mu Ibaruwa ya mbere. Brw3/20

Kubera ko natandukiriye, reka nongere nsubire mu byo navuze: ntimushobora gucika **AMATEGEKO Y'IMIBEREHO ahanikiye ayandi kuba ishingiro mu byerekeye gutekereza no kwiyumva kwanyu, - kubiba no gusarura -, nk'uko mudashobora kwikura amategeko y'amashanyarazi-rukuruzi mu isi yanyu igizwe n'ibintu, kuko amashanyarazi-rukuruzi ari yo MUSHYIGUZI ibyara itegeko rigenga ibyo "kubiba no gusarura" kimwe n'uko**

⁶ Vibrational frequencies (*)

⁷ Spectrum (*)

amashanyarazi-rukuruzi ari yo abyara umuhito mu murima w'ibanze w'incenga z'agasani⁸. Brw3/21

Ni yo mpamvu bidashoboka gukomeza kwemera amahame ya gikirisitu umuntu anagerageza gukurikira aya mabarua, kuko amahame yerekeye 'agakiza gakomoka ku rupfu rwanjye ku musaraba', ayerekeye Ubutatu Butagatifu, ayerekeye izuka ry'umubiri mu bapfuye, umuhango wo gukoresha ububani n'amaforoma y'amasengesho, ayo mahame yose ni ingirwa-kuri naho ibyo mugejweho muri aya Mabarua ni Ukuri. Amahame n'imirimbo y'amasakaramentu ni ibyo mwakwita "uduhendanjiji", byagenewe kubifatira no kugira ngo muyobokeye, ariko bikaba bikingiriza Ukuri kw'inyigisho zanjye. Brw3/22

Ni yo mpamvu aya mabarua yagombaga kwandikwa. Uburyo bwonyine bwo gushyikira isi muri iki gihe yiteguye kwinjira mu bugabwe bushya bwa gatekerezi/marangamutima nasanze ari ugukoresha gatekerezi yakira, yumvira kandi yabanje gukurwa ibitekera ngo yakire inyigisho kandi inkorere umurimo wo kuyandika. Brw3/23

Aya mabarua aratanga uburyo bwonyine bwa nyabwo bwo gutuma abantu babona inzira igera muri rwa rwego rwa roho ikosa ryose rya kimuntu riyoyoka hagasigara urukundo gusa. Ibindi byose byavugwa ni ibihimbano n'imitekerereze ya muntu- kandi ibyo byose si UKURI. Brw3/24

Abantu barimo barashaka uburyo bushya bwo gukemura ibibazo bimaze igihe, cyane cyane muri Amerika, ariko kugeza bumvise kamere nyakuri y'UBUZIMA, jye-babona, n'Amategeko agenga Imibereho, bazarushaho ahubwo gushimangira rukuruzi ya 'jye-babona' kandi n'imibabaro yabo izakomeze. Brw3/25

Nimwibuke, nkuko muza kubisanga mu biri imbere, Ukuri navuze dore haciye imyaka ibihumbi bibiri, uko Kuri n'ubu kuracyahamye ubutajegajega. Ni aho rero icyo mwashobora cyonyine ni ukugenda murushaho gucengera uko Kuri, ntacyo mwaguhinduraho. Brw3/26

Ese mu gihe mwasomaga **AMABARUWA** abiri ya mbere, hari ubwo mwatahuye ko ibintu byose nabwiye abari batuye Palesitina byari biturutse ku byo nari nitegereje mu butayu byerekeye '**imiterere nyayo y'imibereho**'- ko nta kintu na kimwe cy'**urudadi** kibaho? Mbese muribuka ko icyo gihe uko nari ndi mu buhanike bwanjye, ubwo narebaga ibitare by'amabuye, umusenyi, imisozi, amazi y'Inyanja Yazimye aho yari aho hepfo yanjye, byose nabibonaga bisa n'**urushashagirane rw'imikungugu**'? Brw3/27

Urutare, umusenyi, imisozi, n'amazi, byose byari bitandukanyijwe gusa n'ingufu z'urushashagirane rw'imikungugu ndetse n'ingano y'imikungugu irabukwa mu rushashagirane. Brw3/28

Nta kundi nabona nsobanura ibyo nabonye nkiri ku isi, cyangwa ngo mvuge ibyerekeye kamere nyayo y' 'ibirihho' n'ukuntu isi yanyu imeze nk'aho ari ikintu gifatika. Brw3/29

Mu mvugo yanyu y'iki gihe, mwavuga ko urwo 'rushashagirane rw'imikungugu' ari ivumera ry'utuvungukira tw'amashanyarazi. Byashoboka guhuza iyo mivugire yombi umuntu akaba yakwita "ikirukuri" kigaragara cy'ibanze kurusha ibindi '**urushashagirane**

⁸ Energy particles (*)

rw’utuvungukira tw’amashanyarazi’. Iyo mvugo ituma byumvikana impamvu nabonaga utuvungukira tw’amashanyarazi dusa n’utubyina mu ‘rumuri rushyushye’. Brw3/30

None ubwo maze kuvuga ibyo byose nk’intangiriro y’ikiganiro ku byo nakoreye muri Palesitina, reka mbajyane ku wundi muni, hashize imyaka ibihumbi bibiri, igihe izuba ryarimo ryaka mu ijuru ry’uruhehemure rw’ubururu, maze nkazamukana n’abigishwa banjye iyo mu misozi tugerageza kwihereza ngo turuhuke, tuzirikane kandi dusenge. Ariko ntibyabaye. Twari twibwiye ko twabibeta, nyamara nubwo twari twabwiye abantu impamvu zacu, twabanje gukurikirwa na bamwe, nyuma bahamagara n’abandi bababwira ko tugiye mu misozi. Nubwo twabinginze ngo batahe, ba bakeya bageze aho baba ikivunge cy’abadukurikiranye. Bakomezaga kunsaba ngo ngire icyo mbabwira. Ahari aho muribaza impamvu bari bashishikajwe no kuntega amatwi. Brw3/31

Mu mutima wabo bari bazi ko mbabwira amagambo y’UBUGINGO. Buri gihe naberekaga ubukozi bwa ‘Data’ mu bibakikije kandi ibyo byabahaga icyizere bikanabafasha kurebeshya isi amaso mashya. Nababwiraga ibyerekeye **URUKUNDO** bakumva bahojejwe. Brw3/32

Ni yo mpamvu nashoboraga kubabwira, nzi neza ko bari bunyumve kandi tukemeranywa, nti: **‘Nimungane, mwe abarushye munaremerewe, maze nzabaruhure. Ingoyi yanjye iroroshye, n’umutwari wanjye uratwarika’.** Bari bazi ko iyo navugaga ayo magambo, nkuko nabigenzaga kenshi, nabaga ngereranya amabwiriza n’amategako y’abayobozi b’Abayahudi n’Ukuri jye nabwiraga rubanda. Brw3/33

Bityo iyo abantu banyingingaga ngo mbigishe, nari gukora iki kindi uretse kwicara ku rutare haruguru yabo - nkabigisha. Nari niyemeje ko, ubwo bari baturutse kure ako kageni bagira ngo banyumve, bari bwumve ibintu bari kuzajya bibuka kandi rwose bakanabiganirira abandi ubuzima bwabo bwose. Nari nzi ko, nubwo nari narababwiye ibya ‘Data’ n’ ‘Urukundo Data’, bari bagifite ubwoba bwo gutabwa hirya ‘n’Imana’. Brw3/34

Nubwo nari naragerageje kubafasha kumva ko ‘Data’ nababwiraga atari ya ‘Mana’ imeze nk’umuntu basengaga, nari nzi neza ko byatumaga bacanganikirwa. Nubwo nari narababwiye incuro nyinshi ko ‘Data’ ibarimo imbere, ntibyababuzaga guhangayikishwa n’ibihano bituruka hejuru bashoboraga kwikururira mu kwemera amagambo yanjye. Brw3/35

Nuko mbaza ‘Data’ nti uyu muni nkwiye kubigisha iki? Noneho mbona ihene n’intama zarishaga mu mabanga y’imisozi ziragiye n’umushumba wari uzitayeho, maze inyigisho y’uwo muni iba irantashye. Ndahaguruka maze mvuga ndanguruye ngo ijwi rigere no ku bari inyuma kure. Nti: ‘Murabona ziriya ntama n’ihene zirisha mu misozi. Intama ziri ukwazo, n’ihene na zo ziri ukwazo. Brw3/36

‘Nimwitegereze intama: zirihanganye kandi ntizirwana, n’iyo zaba zicukuranye, zegeranye cyane mu kibanga cy’urugo zitahamo. Zirisha mu bwitonzi, ntizibyiganira na rimwe ahatari ahazo kandi zisiga ubwatsi bwatemwe nk’ubwogoshe, butanangiritse, bigatuma rero ubwatsi bukura neza iyo zihakubutse. Igikomeye kurushaho: zitega amatwi umushumba. Ni yo mpamvu na we azikenura. Aziyobora mu nzuri nziza kurusha izindi, akararana na zo mu ijoro kugira ngo hatagira ikizihungabanya cyangwa se zidaterwa n’imbwa cyangwa abashimusi. Brw3/37

‘Nimwitegereze ihene, ukuntu zurira zisimbagurika ku bitare zikishora ahantu hameze nabi. Zirikomereza mu mahwa no mu bihuru. icyazo ni ukonona. iyaba zitari zifitiye umuntu akamaro, nta handi zari zikwiye uretse kwirizwa ku biziriko umunsi wose cyangwa kubungerezwa mu butayu. Aho muri hepfo aho ndabaruzi kandi nzi ko muri mwe hagwiriyemo intama nyinshi, harimo kandi n’ihene nyinshi.’ Brw3/38

Nuko bamwe barajujura barakaye, ariko muri rusange, abantu bahirikanaga na kamere nziza bakinishanya, batunga agatoki abari ‘ihene’, bisekera kandi bakabyemeza bazunguza umutwe. Brw3/39

Ntako byasaga kubabona baseka, bityo ndakomeza nti: ‘Ab’intama muzababwirwa n’ingo zabo, n’ukuntu babana n’abaturanyi n’ukuntu na bo rubanda rubabaniye. ‘N’abari ihene mushobora kubatahura - mubona bagira incuti nyinshi?’ Brw3/40

Muri cya kivunge cy’abantu hazamuka amajwi menshi yiyamirira ngo: ‘oyaaaa!’, bashozaho no guseka cyane. Brw3/41

‘Umushumba se akurikira za hene akanazitaho - cyangwa zigomba kwirwanaho kandi zikaza kwicyura bwije ngo bazikame?’ Brw3/42

Nanone igitwenge kiraturika muri cya kivunge cy’abantu, baraseka ari na ko batera hejuru basubiza byinshi, bimwe ari urwenya rwuzuye ubwenge. Brw3/43

‘Nuko rero namwe ni ko bibagendekera, ari abari intama, ari n’abari ihene - muragiwe na ‘**Data**’ niba muri intama, naho niba muri ihene, ‘**Data**’ ntibaragiye kuko mutava ku izima mugakurikiza ibyifuzo byanyu buri muni ndetse bikaba bishoboka ko musiga amatongo aho munyuze. Ngaho nimumbwire - ‘**Data**’ *ishobora* kurinda abantu bari ihene?’ Brw3/44

Cya kivunge cy’abantu cyari cyicecekeye ariko bateze amatwi cyane. Brw3/45

‘None se mwavuga ko ‘**Data**’ irakariye ihene byo kutazazirinda, cyangwa se ahubwo mwagira muti nk’uko umushumba yita ku ntama ze kandi akaba yakwita no ku ihene ziramutse zibimwemereye, ‘**Data**’ ikunda intama n’ihene mu rugero rumwe ariko ntishobora kuzirinda kimwe kubera *imyitwarire* kamere y’ihene?’ Brw3/46

‘Nimwitegereze nanone imirishirize y’intama n’ihene. Intama zinyurwa no kurisha ubwatsi *gusa ari na bwo igifu cyazo cyaremewe, naho ihene irya ibyo ibonye byose, ititaye ku miterere yayo*. Ni na ko bigendekera abantu batita ku byo bagaburira gatekerezi zabo, kuko nta ntego bihaye cyangwa ngo bagire impamvu igaragara. Aka za hene, ntibajya bamenya igihe ibitunga gatekerezi bibangiriza cyangwa bikabayobora mu cyerekezo batagombaga kuganamo mu buzima bwabo bwa buri muni, cyangwa se iyo bibashora mu migani ibamunga cyangwa baringa zishobora kubangiriza. ‘*Barabuyera, bagenda batoragura ibitekerezo bisa n’amahwa y’inkeri, ibikweto by’umusazirwa, ibishwangi by’imyenda, amababi, ibinyamahwa n’ibyatsi bibi kuko batagira akenge.*’ Brw3/47

Umugabo umwe arambaza ati: ‘Mwigisha, umuntu waba ari intama aramutse akosheje akitera ibibazo, ‘**Data**’ yamwigurutsa?’ Brw3/48

Nuko musubirisha ikibazo nti: ‘Umushumba abigenza ate iyo imwe mu ntama ze iguye mu rwobo, cyangwa se itembye mu manga, cyangwa igafatwa n’amahwa? Nti reka mbikubwire: umushumba asiga aho umukumbi akiruka akurikiye ya ntama yatakaye kandi ntayitererane kugeza ayishyize mu mutekano. Ni uko na ‘*Data*’ ibigenza – n’ntama ubwayo ntishobora kutagwa mu makosa ku buryo bumwe cyangwa ubundi, ariko mwumve ko ‘*Data*’ ihita iyisanganira igihebeba ikayitabara. N’ihene iramutse yitwaye nk’ntama ikumvira ijwi ry’umushumba, *na yo yaza mu burinzi bw’umushumba ikitabwaho nkuko intama zitabwaho.* Brw3/49

‘Namwe rero ni uko bibamereye mwe **n’Ingoma y’Ijuru - ‘Ingoma y’Imana.’** Amajwi anyuranye atera hejuru bambaza ngo nimbasobanurire iyo mvugo ngo ‘**Ingoma y’Imana.**’ Brw3/50

‘Ibyo mbabwira bitandukanye cyane n’ibyo mwaba mwarumvanye umuhanuzi uwo ari we wese mu gihe icyo ari cyo cyose. Brw3/51

‘Ntimugerageze gusobanukirwa n’ibyo mbabwira mugendera ku byo Abigisha banyu bababwiye. Icyo bazi ni ugusubira mu byanditse mu Bitabo Bitagatifu gusa batagira icyo biyiziye ubwabo mu by’Ingoma y’Imana, Ingoma y’ijuru. Brw3/52

‘Imana “ntishyinyuye” ahantu runaka hihariye, ahubwo iba hose, mbese nk’ikirere n’umwuka bibari hejuru. Brw3/53

‘Jambo ritagatifu ryavuze ukuri igihe rigira riti: “Mubaho mu Mana, muri Yo ni ho mwinyagambura kandi mufite ukuba kwanyu.” Brw3/54

‘Kuko Ingoma y’Imana iri hejuru yanyu, irabakikije kandi ibarimo imbere - kandi mushobora kwinjira mu Ngoma y’Imana.’ Brw3/55

Abantu basakuzanya umururumba bati : ‘Ariko se ni igiki?’ Brw3/56

‘Ni iforoma ya gatekerezi n’umutima igengwa n’ ‘Imana’ - ‘So ‘. Iyo mumeze mutyo, ‘Data’ iba ari umutware w’umubiri wanyu ikayobora ibyo mukora byose n’ubuzima bwanyu bwose.’ Brw3/57

Bamwe mu mbaga barahigima bagira bati : ‘Ibyo bishoboka bite ?’ Brw3/58

‘Birashoboka gukamukamo jye-babona – ibyifuzo byikubira, inzangano, imijinya, amashyari, inda nini, inzigo, ku buryo ‘Imana’ yonyine iba ari yo isigara icunga gatekerezi n’umutima byawe.’ Brw3/59

Umugore umwe arabaza ati : ‘Hanyuma bikagenda bite ?’ Brw3/60

‘Hanyuma rero ubwo ukinjira mu ‘Buryo bwo kuba’ buyobowe n’Imana’. Ni ibintu bitagira uko bisa kandi birimo ikuzo. Ni urukundo, ubuntu, kwita ku bandi nkawe ubwawe, ni ukudacira abandi urubanza, kuko uba wemeye abandi uko bari, wumva neza ko na bo ari abana b’ ‘Imana’ kandi ko ‘Data’ ibitaho nk’uko nawe ikwitaho. Ni amahirwe atagira urugero, utabona uko uvuga, ni umunezero mu bwiza bw’isi, ni ubuzima butagira uruzitiro kandi ni imbaraga ziyongera, ni ubuziramuze no

kuronka ibyo ukeneye byose na mbere y’uko umenya ko hari icyo ukeneye.’
Brw3/61

Benshi barijijuta bati : ‘Kuki aba Rabini batajya batubwira ibyo bintu?’ Brw3/62

‘Kuko ari jye rudori wabonye ‘Data’, ni jye jyenyine uzi ukuntu ibiriho byaremwe nkanamenya amategeko y’imibereho. Kandi kubera ko nzi ibyo byose, mupfa kungana mukambaza: nzabahishurira ibyo nahawe byose. Ndababwiza ukuri, - uwo ari we wese muri mwe wemera -akumva neza kandi agashakisha buri muni uburyo bwo gukora ibyo mbabwira - azakizwa amakozere inyokomuntu ikubitana na yo. Igituma mubabara ni uko mutazi uko mwaremwe, ntimumenye n’intumbero nyakuri zatumye muvuka. Brw3/63

‘Mwavukiye kuba abana n’abagenerwamurage ba ‘Data’, mwavukiye kunezezwa n’icyo ‘Data’ iri cyo muri Yo ubwayo, n’ibyo ishobora kubashyikiriza. Ibiri amambu mutera umugongo ikuzo ryose ry’ingoma, mukagerageza kubonera ibyishimo mu bintu by’isi. Nimukomeza mutyo ntimuzigera mubona Ingoma y’Imana, ntimuzaninjira mu Bwami bw’ijuru.’ Brw3/64

Bati ‘Ni gute tuzinjira mu Bwami ?’ Brw3/65

‘Narangije kubibabwira. Mwinjira mu Bwami bw’Ijuru iyo mwicujije ibyo muri byo byose mu mutima no muri gatekerezi byanyu. Iyo amabi yanyu muyashyiriye ‘Data’, mugasaba imbabazi kandi mugasenga ngo muronke imbaraga zo kunyuguzwamo ibitekerezo bibi, amagambo mabi n’imigirire mibi, ishyerezo mukabihonoka, icyo gihe mushobora kwizera ko muri hafi yo gushyikira **Ubwami bw’Ijuru. Igihe muzaba mwanogeje ibyo, muzatahura ko imyifatire yanyu ku bandi izaba irimo ihinduka, kuko **‘Data’** izaba irimo ikora **Umurimo Wayo w’Urukundo** muri mwe. Muzagobotorwa ingoyi n’imigozi y’ibyifuzo n’ibikorwa bibi byari byarabandanangiye byarabagize imbohe mu isi. Ndetse n’igisumbyeho, muzabona ko **‘Data’** ibatunganyiriza ibyo mukeneye byose.’** Brw3/66

Umugore umwe atera hejuru ati : ‘Mfite icyo nkeneye muri aka kanya, Mwigisha, ndashonje’. Brw3/67

Abantu baraseka nyamara abandi benshi bunga mu ryo avuze bati : ‘Dore tumaranye nawe amagingo maremare, wabanje kudukoresha urugendo rurerure mbere yo kutwemerera kutwigisha. Twakweretse ko turi intama nziza. None ubwo ntiwadufasha ukadukiza iyi nzara ?’ Brw3/68

Nuko numva bavuze ukuri maze mbagirira impuhwe nyinshi. Ntabwo bari bankurikiriye kubakiza gusa, ahubwo bari banakubitiyeho kurarikira kumenya **Ukuri** uko nari naraguhawe na **‘Data’**. Nari nababwiye ko **‘Data’** ibuzuriza ibyo bakeneye byose. Aha hari habonetse umwanya mwiza wo kubereka imbaraga z’ukwemera kimwe **n’Ububasha** bwitwa ‘Imana’. Nari ngiye kubahamiriza ko nta kinanirana iyo wemera nyakuri nkuko nemeraga kandi nabonaga. Brw3/69

Mpamagara abigishwa banjye mbabwira kureba niba muri icyo giterane haba umuntu wagira ifunguro. Brw3/70

Babona umwana w’umuhungu warufite imigati n’amafi maze barabinzanira. Nditarura gato maze nitegereza neza ya migati na ya mafi, nzi neza ko nta kindi byari usibye **‘Ububasha bwa Roho y’ Imana’**, ingizi y’igifatika cyose, yagaragajwe. Brw3/71

Nari **nzi** ko **‘Ububasha bwa Roho y’ Imana’** butagiraga umupaka kandi ko bwakoreraga n’imbaraga mu ibonunumva ryanjye. Brw3/72

Nari **nzi** ko **kamere** ya **‘Data’** ari ukumara ubukene. Brw3/73

Mu gihe nahaga ifunguro umugisha, numva **UBUBASHA** bunyura nta nkomyi muri gatekerezi, umubiri n’ibiganza byanjye nuko **menya** ko inzara y’imbaga yari igiye gushira. Brw3/74

Sinari nzi uko biri bugende, icyo nari nzi ni uko byari bube. Brw3/75

Nuko mfata za nkangara zarimo rya funguro mbwira abigishwa banjye kurigabura, **numva** rwose ko buri wese ari bubone ifunguro rimuhagije. Brw3/76

Mu gihe rya funguro ryasangirwaga rizenguruka muri rubanda, rigenda ritubuka kugeza ubwo rubanda rwose rumaze gufungura no kwijuta. Hasigara inkangara nyinshi zuzuye ibisagutse. Brw3/77

Bityo ngaragaza ko:

- **‘Ibifatika’**, - icyo ari cyo cyose kigaragara mu mpuzahose - ari **gatekerezi/ibonunumva bigaragazwa mu kuvumera kw’ ‘imikungugu’** (siyansi yita utuvungukira-mashanyarazi). Brw3/78
- Ihinduka mu “kuvumera kw’imikungugu”, ari ryo hinduka mu ‘bifatika’, ribaho nk’inkurikizi y’umunyeganyego/imbonamashusho uyobowe bikomeye, ugabwe, ukorakoranyije mu **ngufu za gatekerezi/ibonunumva**. Brw3/79
- **Iyo umuntu akora biturutse gusa kw’ ‘ibonunumva ry’urukundo’ agambiriye kugirira neza abandi, imipaka yonyine izitira ‘Umurimo w’ Urukundo wa ‘Data’ ku isi ARI IMIPAKA GATEKEREZI Y’UMUNTU IZITIZA UWO MURIMO**. Brw3/80
- **Bene izo mpinduka mu ‘bifatika’ zishoboka gusa iyo ibonunumva rya ‘muntu’ rinywanye nta makaraza n’ ‘Ibonunumva Mpuzahose rya Data’**. Brw3/81

Nubwo abantu bari aho kimwe n’intumwa zanjye batangaye igihe rubanda bagaburiwe muri ubwo buryo, **nta n’umwe muri bo wumvise** uko ikintu nk’icyo cyashobotse. Brw3/82

Icyo bashoboraga kwanzura gusa ni uko cyari igitangaza cy’ikirenga batari barigeze babona. Byashimangiye kandi ukwemera kwabo ko nari Umwana w’Imana. Brw3/83

Undi muni nari nicaye muni y’igiti hanze ya Bethesda, nkikijwe n’abantu bari banzaniye abarwayi ngo bakizwe. Nk’uko byari bisanzwe, batangazwaga n’igaruka ry’ubuzima n’ubuziramuze muri abo bantu, bakanibaza ukuntu ibyo bitangaza byashobokaga. Brw3/84

Nongera kugerageza kubumvisha **Imbaraga z’Ukwemera**. Brw3/85

Mu mavanjili handitswe ko ngo navuze ngo umuntu abashije kugira ukwemera kungana n’akabuto ka sinapi yashobora kwimura imisozi. Brw3/86

Iyo mvugo ni igisobanuro gitandukiriye ukuri kw’ibyo navuze, kikaba kigaragaza ukuntu abigishwa banjye n’abanditse amavanjili batumvise neza inyigisho zanjye igihe twari ku isi. Brw3/87

Umuntu aramutse agize ‘ukwemera’ kungana n’akabuto ka sinapi,- ibyo bishatse kuvuga iki? None se wapima ute ukwemera bene ako kageni? Brw3/88

Ukwemera ni ukwemera.

Ni ‘imbaraga zo kudashidikanya na gato’ muri gatekerezi, zigarurira gatekerezi kandi ntizishobora kugunwa mu ‘ngano’. Brw3/89

Ukwemera-, gukomoka ku muhangayiko wo kwizera ikintu, kuko uko kwizera kwashyigikira intego zawe mu buryo ubu n’ubu-, gushobora kwigiramo ubushobozi no kuba gukomeye, ariko ntabwo kwapimirwa mu ‘ngano’! Brw3/90

Icyemerwa kinarushijeho gukomera. Icyemerwa gifite inkomoko mu byo umuntu abwirwa no mu gushyira mu gaciro. Brw3/91

Kubera ko wumvise bavuga ikintu noneho ukiyemeza ko icyo wumvise cyangwa wasomye ari ukuri, uha umurego ukwemera kwimbitse kw’ibyo wumvise. Wemera ko ari ukuri. Ubyemera mu buryo busesuye, butagira ikibuhinyuza. Brw3/92

Nahoraga mbwira abantu nti: ‘Mwemere ko muzaronka-, maze murebe ngo muraronka.’ Brw3/93

Nyamara muri icyo gihe nari nzi ko abantu byajyaga kutabashobokera kugira ukwemera gushyitse kwatuma bakora ibitangaza, kuko uko nari kugira kose ngo mbasobanurire Ukuri, ntabwo bari kugera *k’ubumenyi* butsitse naherewe mu butayu. Brw3/94

Ariko ubu ubwo mbatekerereza, mu rugero ruto, inkuru y’imibereho yanjye ku Isi, muri Palesitina, ni ukugira ngo wowe, musomyi wanjye, utangire wumve kandi usobanukirwe n’ubumenyi nahawe igihe namurikirwaga. Brw3/95

Icyo ngamije ni ukubaha **ubumenyi**. Uruvugo ni iyo wabwiwe ikintu ariko ukaba udashobora guhamya ukuri kwacyo. **Ubumenyi ni iyo ubwiwe ikintu -cyangwa usomye ikintu- maze kuko icyo wumvise cyangwa wasomye kijya imbizi mu mitekerereze no mu miterere n’ibice by’ubumenyi bifitanye isano na cyo wari usanganywe muri gatekerezi, kandi ukaba ushobora *kucyumva no kucyemera* mu buryo bufatika kandi bwumvikana, iyo nkuru nshya igahinduka ubumenyi. **UMENYA ko ibyo noneho uzi ari UKURI.** Ukiyumvamo ‘kudashidikanya’. BRW3/96**

Kugeza ubu bamwe muri mwe mwemeye ‘Yezu Kirisitu’, ariko mwabaye nk’abana bakuze imburagihe. Ukwemera kwanyu hari urugero kwabaye nk’ubuhumyi bugeretseho kumvira, nubwo hari hivanzemo gushidikanya kwinsi. Kubera izo mpamvu, icyo mwakeneraga gukorerwa cyose mwizigiraga ‘Yezu’ ngo akibakorere. Nyamara mu by’ukuri, ibyinshi mu byo mwibwira ko mwakesheje ‘Yezu’ nyirizina

byabaye uko 'kwemera Yezu' kwanyu kugaragajwe mu ishusho y'ibyo mwasabye. Brw3/97

Nubwo uko kwemera « rwana » kwanyu kubafitiye akamaro gakomeye mu mibereho myiza yanyu, abo muri mwe bafite ubushobozi bwo kujya mbere mu nzira y'ubutungane bwa roho bagomba noneho kugera ku ntambwe irushijeho kwimbika y'**ubumenyi** nyakuri bw'isano ya gatekerezi n' 'ibifatika'. Iryo shingiro niribura, abantu bazakomeza kwivuguruta mu migani y'amadini kandi bagumye gufungiranwa mu butindi bw'imibereho ya muntu. Brw3/98

Igihe nari ku isi nabwiye abantu **Ukuri**, ariko uko kuri kumvwaga buri gihe uko kutari. Brw3/99

Ibyo navuze nyabyo ku byerekeye **ukwemera**, byari ibi:

'Murabona kiriya giti kinini, cy'inganzamarumbo. Cyavutse ku murama muto cyane watekereza. Nimurebe igihimba kigari cyacyo, mukirebe ayo mashami n'amababi. **Buriya busagambe bwa karundura bwaturutse mu kabuto kangana amayara.** Brw3/100

'Ibyo byashobotse bite se? Umubyimba wose wa kiriya giti n'amashami agitatse byakomotse he? Iki si igitangaza kingana ibitangaza mbakorera, uko bukeye? Imikurire ya kiriya giti na yo si umurimo wa '**Data**' nko gukizwa kw'abarwayi? Brw3/101

'Reka mbabaze – umurama ni iki? Mwabimbwira? Reka da- ntimwabishobora. Ariko reka mbibabwire: '**Ni akantu kanzinya k' 'ubumenyi bw'ibonunumva'. Ni 'ubumenyi bw'ibonunumva' bw'icyo kazaba cyo. Ni akabango k' 'ibonunumva' kava mu 'Ibonunumva Riremyi Nya-mana.'** Brw3/102

'Ni akabango k'ububasha bwa gatekerezi katurutse mu 'Bubasha bwa Gatekerezi ya 'Data'... ako kabango nigaterwa mu butaka kakavomererwa n'imvura kazatangira kwiyambika 'ibifatika' bigaragara gafitiye ubumenyi i murori muri ko. Ubwo bumenyi ni ukuri, burahamye, burakomeye, ntibuhusha. Uko kwimenya gusharaze mu murama, ni ukudashidikanya mu 'ibonunumva'. Brw3/103

Amoko yose y'amaforoma y'ubuzima avuka kuri ubwo 'bwimenye butajarajara'- 'ukudashidikanya mu ibonunumva.' Uko 'kudashidikanya mu ibonunumva' ni ko tandukaniro riri hagati y'ubutaka buhwekereye n'ibitare n'ibibaho byose bigakurira ku bwisanzure bw'isi. Ahatari 'ukudashidikanya mu ibonunumva' cyangwa 'kwimenya nyirizina' ntihaba gukura. Ibonunumva mu butaka no mu bitare rikomeza kuba 'ibonunumva' mu iforoma isinziriye. Brw3/104

**Ni aho rero iyaba mwashoboraga kwemera icyo musaba
mubigiranye umurego nk'uw'umurama wa sinapi mu kwimenya nyirizina
mwashobora gukora icyo mushaka cyose. Brw3/105**

'Iyaba mwabashaga kugendana muri gatekerezi yanyu akabuto - ari wo mugambi unozze w'intego zanyu mushimikiye - mukamenya kandi mudashidikanya ko gashobora kujya ejuru kakagera ku ndunduro nyayo, mwabona ka kabuto gahebuje kagize gatyakakenda ubuzima bwite bwakwigaragaza magingo aya mu buzima bwanyu. Brw3/106

‘Mwabasha kandi kwimura imisozi yo mu buzima bwanyu - ya misozi yitambitse mu nzira zanyu ikababuza kugera ku byo mushaka... ya misozi mwiremeye mu bihe by’uburangare n’imitekerereze ifutamye. Iyaba mwabashaga gusa gusobanukirwa n’irema n’imibereho, mwabashije kubaho mu bwisanzure bwuzuye, mu kwigira kutagira iherezo no mu byishimo birenze kamere. Brw3/107

‘Nimuharanire gusobanukirwa maze gahoro gahoro muzabone ngo murasobanukirwa. Brw3/108

‘Nimukomange ku rugi rw’impuzahose rukanisha ku ‘Mana’ - ‘Ibonunumva Data Mpuzahose’, amaherezo muzasanga urugi rukinguye maze muzagere ku mabanga y’isi. Brw3/109

‘Nimugire ukwemera gusa, maze muzaronke.’ Brw3/110

Nabibutsaga kandi buri gihe ibingibi :

‘Abafite gatekerezi n’imitima bidahumanye ni bo bonyine bazashobora gukora ibyo bintu by’agatangaza. Brw3/111

‘Ikibi gishobora kuganza by’akanya gato, nk’uko abami n’ingabo zibuyera n’abandi batindikiye akabi muri gatekerezi zabo babigezeho; bahawe uruhushya rwo gukora ibyo bakora mu gihe gito, kuko hari ubwo icyiza gishobora kubyarwa n’ikibi, ariko amaherezo birabapfana maze amazina yabo akavumwa n’abandi bose basigaye. Brw3/112

‘None rero, abo muri mwe bifuzaga kuganza, ngaho nimwisuzume murebe impamvu zanyu zibasunika. Burya ibyifuzo biva gusa ku irari ry’ubukire cyangwa umudendezo bishingiye ku bwikunde, amaherezo birangirira mu kumiro, uburwayi n’urupfu.’ Brw3/113

Namwe rero abasoma ibingibi ndababwiye, - ntimutume hari utinyuka guhinyura Ukuri mvuga, kugeza igihe na bo ubwabo bazaba baragenze Inzira yo Kwihara nanyuzemo ku isi na bo bakagera ku bumwe na ‘Data’ nk’ubwanjye no ku bushorishori bw’ubumenyi n’imyumvire bidahinyuka nk’ibyo nagezeho. Brw3/114

Nimugera kuri ibyo byose, ntimuzongera kumva mufite irari ryo guhinyura ukuri mbabwira, ahubwo ntimuzashobora kwibuza kwifatanya ‘nanjye’ mu kwigisha abavandimwe banyu. Kugeza icyo gihe, nimwigumire mu mahoro, kandi ntimutume hari utahura ubuswa bwanyu. Brw3/115

Mu isi hose, ni kenshi abantu bemera inyigisho zanjye bafite ibyishimo kubera ko zihatse imbenezamuco y’agaciro kanini, kandi zikaba n’amabwiriza avugitse neza kurusha andi yose mu byerekeye imyitwarire n’ubuzima bwa buri muni. Nyamara bagahita bongeraho ko inkuru z’ibitangaza zo zikwiye guteshwa agaciro ngo kuko uko kunyuranya n’amategeko kamere agenga impuzahose kudashoboka. Brw3/116

Imitekerereze nk’iyo ishyira ibihato mu nzira y’iterambere ririmo riza ry’imikurire y’urukomatanyo rw’ibyerekeye roho na siyansi gatekerezi ya muntu ibasha kugeraho. Brw3/117

Mu by'ukuri, sinzanywe ku isi no gushinga idini rishya cyangwa kwigisha imbenezamuco isumbye iyo Musa yatanze mu Mategeko Cumi. Intego yanjye yari ukuzana uburyo bushya bwo kubona 'Imana' nk'umuremyi no gusobanukirwa n'imibereho ubwayo. Ubwo bumenyi bushya bwajyaga kuba intandaro y'uburyo bushya bwo kubaho. Brw3/118

Imyifatire iboneye mukwiye kugirira ubutumwa bwanjye ku isi, muri iki kinyagihumbi cya gatatu, ni ukwemera ko 'ibitangaza' nakoze birenze ubushobozi bw'umuntu uciriritse w'iki gihe. Nyamara, bene ibyo 'bitangaza' ni ingero z'ibyzashoboka mu gihe kizaza, igihe gatekerezi z'abantu zizaba zaracengewe n'ubumenyi nyabwo bw'imibereho kandi zikananywana byuzuye zinacengewe n' 'Ubuzima Mpuzahose/Bonunumva ry'Urukundo' zibikesha ukwemera, ukuzirikana n'isengesho. Brw3/119

Ese ni byo koko ko 'nagenze hejuru y'amazi' igihe abigishwa banjye binjye mu bwato ngo bambuke ikiyaga? Niba mwarasomye iby'iyi nkuru muri Bibiliya, mwabonye ko abigishwa bari bansize inyuma. Nashakaga agahenge ko kwibeta abantu, nkiherera mu misozi ngo nongere nimanukemo byimbitse ibonunumva ryanjye rishobore kwinjira mu rwego mpuzahose rw' 'Ibonunumva ry' 'Imana'. Brw3/120

Mu gihe nari muri iyo miterere y'umwuka⁹ ihanikiye ibonunumva rya muntu, kubonunumva umubiri kwanjye kose kurayoyoka, nzamurwa hakurya y'ibifatika mu Ruzi Mpuzahose rw'Ubuzima, maze menya ko UBUZIMA MPUZAHOSE bwari byose, ko UBUZIMA bwari ikirukuri cy'ukuba kwanjye, kandi ko ibindi byose byari nk'isura zihindagurika z'ukugaragazwa k'UBUZIMA MPUZAHOSE. Menya ko, numva ko nari UBUZIMA NYIRIZINA, maze mu gihe naserukaga hakurya y'ibonunumva nya-si nkinjira mu IBONUNUMVA mpuzahose ry'UBUZIMA, amategeko agenga ubuzima bwanjye bw'umubiri arahanikirwa maze ntiyaba agifite icyo akora ku nyama n'amaraso by'umubiri wanjye nya-muntu. Brw3/121

Numva ngize ishyushyu ryo kugendera muri iyo mimerere mishya y'ubuhanike maze nisanga nderemba hanze y'isenga ryanjye. Nabashaga kubona abigishwa banjye aho bari mu kiyaga maze menya ko bari mu kaga. Nta mvune manuka umusozi ngera mu kabande nderemba, maze nongeye gusakirana n'ibibazo bisanzwe byanjye bya muntu - aha ndavuga abigishwa banjye-, nisanga mpagaze hejuru y'amazi. Ariko nari nkiri muri ya mimerere naboneragamo neza ko Jyewe, Ubwanjye, nari UBUZIMA bwigize umuntu, kandi ko kubera icyo umubiri wanjye wari wuzuyemo UBUBASHA BW'UBUZIMA bwagumyaga koroshya no guhindura imiterere y'uruti remezo¹⁰ rw'umubiri wanjye. Brw3/122

Mugomba kumva ko kumva no gutekereza uri mu miterere y'ibonunumva nya-muntu - no kuzamuka ukagera mu MITERERE NDENGAKAMERE Y'UBUZIMA MPUZAHOSE, aho ibonunumva bwite riba ryakuwe mu mimerere nya-mubiri rigasobekerana byuzuye n' 'Ibonunumva Data Mpuzahose', ari ibintu biri mu nzego ebyiri zitandukanye z'ukuba. Brw3/123

⁹ Spiritual state (*)

¹⁰ Atomic structure (*)

Ibonunumva nya-muntu rishobora kwakira ukongorerwa¹¹ guturutse ku **'Ibonunumva Data Mpuzahose'**, ariko uko kongorerwa kukavanga n'imimerere nya-muntu, kandi akenshi kukumvwa uko kutari hakurikijwe ikigega cy'ubumenyi gisanzwe kigenga ubwonko, kandi kubera icyo kikaba kinagenga imitekerereze ubwayo. Birababaje, ariko ukongorerwa muhabwa **guhumanywa kandi kukagorekwa** n'ibyemerwa byanyu muba mukomeyeho cyane. Brw3/124

Naho IMITERERE NDENGAKAMERE YO KUBONA-IBINTU NO KUZURIZWA yo isohoka mu mimerere nya-mubiri ikayirenga. Ubwonko ntibuba bugifite ubutware. Ntibuba bugifite ubushobozi bwo gukoresha imiterere Ndengakamere yo Kubona-ibintu, ari yo Kuri nyirizina. Brw3/125

Iyo miterere ntishobora gutegekwa cyangwa guhungabanywa n'imyemerere y'abantu. Brw3/126

Ni mu miterere y' 'Ikiri nyakuri' inyuma y'ibigaragara n'imibereho, aho kuba mu rwego rwa muntu rw' 'Icyo urwo rwego Rwibwira ko Imibereho ari cyo'. Brw3/127

Ni mu Miterere Ndengakamere y'Ibonunumva 'ibitangaza' biba ari gusa umurimo usanzwe w'Itegeko Mpuzahose. Brw3/128

Ntarakomeza ibyerekeranye n'inkuru y'imibereho yanjye ku isi, ndagira ngo nongere ntsindagire ko buri kintu mu mpuzahose ari UMUTERERE W'IBONUNUMVA giti kandi wihariye washyizwe ahagaragara. Brw3/129
Byabaye ngombwa ko manuka mva aho mba ubu mu MUTERERE W'IBONUNUMVA RY'URUKUNDO MPUZAHOSE, ngo nongere mbeho mu buzima bwanjye nabayeho ku isi, busharaze ubudasibangana mu ngufu z'ibonunumva ry'isi ubwayo kuva igihe bwaremewe. Mugomba kumva ko igihe nasigaga umubiri wanjye muri Palesitina, nasize inyuma ibyari iby'ubwo buzima nyine. Brw3/130

Nari nasohoje ubutumwa bwanjye. Ni yo mpamvu igihe napfiraga ku musaraba, nabohowe, nazamuwe mu **RUMURI** rw'ikuzo kugira ngo ngire uruhare kuri urwo **RUMURI**, ngo *mbe* **URUMURI**, nishimire mu **RUMURI**, ari rwo **Rukundo Mpuzahose, Ubuzima, Ubwiza, Ubudasobanya, Ibyishimo n'Umunezero. Brw3/131**

KUGENDA HAGATI Y'INZEGO ZINYURANYE ' Z'IBONUNUMVA' si umukoro woroshye cyangwa ushimishije. Kuba ngarutse ubungubu, ni uko gusa ubutumwa bwanjye ku isi butari burangiye igihe napfiraga muri Palesitina. Ngaruwe rero no kugira ngo mbafashe kwinjira mu bihe bishya, mu cyiciro gishya cy'imibereho-giti hano ku isi. Brw3/132

Mushobora kurushaho kwiyumvishaho gato icyo nshaka kuvuga iyo mvuze ngo « ubutumwa butoroshye butanashimishije » nimwiyibutsa ibihe mwagiye mwibuka agahinda gakomeye ko mu buzima bwanyu, noneho mukumva murongera kwitwara n'umugaga n'igishyika bingana nk'iby'igihe ka gahinda kabayeho bwa mbere. Brw3/133

Kuzirikana akaga n'imibabaro byahise bizatuma wumva wasuka amarira. Uzumva kwa gucika intege na cya kiniga bya mbere bigaruka uko uzagenda wongera kubaho ibyo bihe

¹¹ Inspiration (*)

mu mpimbamashusho¹² yawe. Uzumva wahunga abantu kuko icyo gihe ibonunumva ryawe rizaba ryamanutse riva mu gitereko cy'ibyishimo n'amahoro warusanzwemo, ukongera gufatwa mu mivumero n'amaforoma y'ibonunumva ryamanutse waremye cya gihe cy'intango y'imibabaro. Brw3/134

Guhinduka kw'imyiyumvire kuranga impinduka mu mbaraga z'ibonunumva. Ukuzamuka kw'imivumero y'ibonunumva ryawe kukuzanira ukuzamuka mu mubiri, umutima na gatekerezi, ukumva uranezerewe. Ukumanuka kw'imivumero y'ibonunumva ryawe kuzaca intege imikorere y'urwungano rwawe rwose, wumve utangiye kugira agahinda gakabije, cyangwa – agake gashoboka – wumve utaye akanyamuneza warusanganywe. Ibyo mbabwira ni **ibibaho mu mibereho. Brw3/135**

Impuzahose yanyu yose igaragaza inkurikirane¹³ zinyuranye z'imivumero¹⁴ y'utuvungukira tw'imbaraga z'ibonunumva. Uko izo nkurikirane zizamuka zinamanuka ziva ku rubariro zijya ku rundi, ni ko **inti¹⁵ zigaragara na zo zerekana imbariro zinyuranye z'ingufu, kandi hakaba impinduka mu myubakire-mutwe, mu marangamutima no mu isura. Urukundo mfitiye inyokomuntu ni rwo runtera kumanuka mva mu muterere wanjye w'ibonunumva, ngo nongere ninjire mu mibereho y'igihe cyanjye ku isi. Brw3/136**

Mu myaka ibihumbi bibiri, 'Abakirisitu' bagiye bongera kubaho igikomere cy'ibambwa ryanjye. Bamwe ndetse bagize mu mubiri wabo ibikomere nk'ibyanjye ku musaraba, icyo ubwacyo kikaba nta kindi kiri cyo usibye uburyo burwaye mu mutwe no mu mutima bwo kwakira icyo batekereza ko ari ububabare nagize. Abantu bishyize mu rwego rw'amarangamutima ruyinga ubusazi, bishushanya mu mutwe ngo igishyika n'ububabare nagize mbere yo gupfa. Gushimira kwabo babikuye ku mutima kubera ububabare bwanjye bibageza mu muterere w'akaga k'umubiri. Aya magambo yanditswe ku wa Gatanu Mutagatifu wanyu, kandi nazanywe by'umwihariko no kubavugisha ku byerekeye ibambwa ryanjye, no kubabwira ko mugomba kurekera aho ikinamico ryose mugendanya no kwibuka uwo muni. Narapfuye, kandi icyo cyambereye ibohorwa ry'agatangaza. Brw3/137

Igihe kirageze ngo abantu bakanguke, bave mu nzozu bamazemo igihe kirekire, maze bagere aho gusobanukirwa n'imibereho uko iri nyirizina - ndetse banasobanukirwe ukuri kwererekeye ibambwa ryanjye, kwahishwe kugeza magingo aya. Brw3/138

Ku ya Gatanu Mitagatifu, umwaka ku wundi uko ibinyejana byagiye bisimburana, mwaremye ku bwisanzure bw'isi imiterere y'ibonunumva y'ubuhahamuke bwanduye, ihabanye n'urwego buroho **rw'IBONUNUMVA RIREMYI MPUZAHOSE** nk'uko umuriro uhabanye n'ijuru. Brw3/139

Ubu rero, ubwo niyemeje kongera kubaho ubuzima bwanjye ku Isi muri 'Yezu' nyuze muri gatekerezi y'uwemeye kwakira amagambo yanjye, kugira ngo mfashe isi kugera ku rwego rushya rw'iterambere rya roho/gatekerezi, nsabye abashobora kwakira amagambo yanjye gucika ku mugenzo wo kwibuka urupfu rwanjye no

¹² Imagination (*)

¹³ Frequencies

¹⁴ Vibrations

¹⁵ Physical structures (*)

« kwiyihakana ubwanyu » mu mubiri, igihe mwiwiriza mu Gisibo mwibuka iminsi 40 namaze mu butayu. Nk’uko mugomba kubyumva muhereye ku byo ndimo mbabwira, igihe namaze mu butayu cyambereye icy’ibyishimo byinshi n’umugisha kuri roho. Brw3/140

888888888888888888

Mbere gato y’urupfu rwanjye habayeho ibintu byinshi by’igisobanuro kinini mu rwego nya-roho¹⁶, bikaba ingero z’agahebuzo z’uburyo **Amategeko Makuru Agenga Ibiriho Byose** akorera mu ngeri y’ubugingo bwanyu. Ngiye rero kubatekerereza muri make ibyo bikomeye byabaye icyo gihe, kuko icyo ngamije ari ukumurikira gatekerezi zanyu bisesuye - ngo mbahe ubumenyi burenze ubwaba bwarahawe undi uwo ari we wese mu mpuzahose yanyu. Brw3/141

Igihe natangiraga gutegurira intumwa zanjye ibyerekeye urupfu rwanjye rwari rwegereje, byambereye umurimo uruhije cyane. Byarabagoye kwakira ugutungurwa no gutangara. Kumva ko nari ngiye kubambwa nk’umugome ubonetse wese byababereye ibamba **kandi ntibifuzaga kumpeba**. Nari narabahamagariye kunkurikira no kureka ubuzima bari bibereyemo bitunze bihagije. Bari barasize imiryango yabo n’ingo zabo kugira ngo bashingire bushya ubuzima bwabo kuri jye no ku bikorwa byanjye. Bari bafite ishema ry’ukuntu nagendaga ntera imbere mu migi. Bari baremeye kunyitirirwa no kwitwa abigishwa banjye, nubwo Abayobozi babo mu Idini babangaga bakanabannyega cyane. Byongeye kandi, bankundiraga bakananyubahira ukuntu nakurikizaga ibyo nigishaga, n’ukuntu nakizaga abantu batagiraga ingano mbigiranye impuhwe nyinshi, kandi nkabazanira iruhuko mu mibereho yabo y’amagorwa. Bemeraga nta shiti ko nari Umwana w’Imana. Brw3/142

Babazanyaga rero ukuntu **Umwana w’Imana** ashobora kurangiriza ku musaraba. Buri kibazo cyongeraga ukubahirwa kwabo. Kuri bo byari akadashoboka. Bumvise imanga iteye ubwoba yifungura imbere yabo – imanga mu buzima bwabo n’urwobo runini cyane rwasamye ku butaka bagendagaho, ukwiyongera ko kunanirwa guhama hamwe no kubura intego imbere muri bo nyirizina. Brw3/143

Ntibatinyukaga kwitegereza ibyo nababwiraga ku byerekeye ibambwa ryanjye ryari ryegereje. Ikintu nk’icyo cyajyaga gusenya ibyo bari barizigiye n’umutima wabo wose. Brw3/144

Nk’inkurikizi z’icyo, abigishwa banjye bariyasira banyiyama ibyo nageragezaga kubabwira, bagakomeza kunyemeza ko bene ibyo bidashobora kubaho habe na gato. Ariko babonye ko nkomeje kubacyaha ngo bave ku izima ryo kumvuguruza, amaherezo baraganzwa bagabanya amagambo kandi **basa n’abemeye** ko ibyo bishoboka. Mbabwira ko nimara gupfa bazongera bakambona kandi ko nari mbategerejeho gukomeza umurimo nari naratangiye. Brw3/145

Akababaro nari nateye abigishwa banjye n’impaka nari nabashoyemo nanjye ubwanjye byaranshegeshaga, cyane. Ntibyari binyoroheye gufata urugendo rujya i Yeruzalemu aho akanjye kari kagiye gushobokera. Hejuru ya byose nibazaga ukuntu nzahangana n’iyo ngeruzabahizi yari ikomereye ubwihangane bwanyje. Naribazaga nti ese mama nzashobora guhanikira kamere y’umubiri nkinjira mu **Ibonunumva Data Mpuzahose**

¹⁶ Spiritual

nkahaguma kugeza mpfuye ? Rimwe na rimwe iyo ngeruzabahizi yanteraga igishyika, ariko sintinyuke guhishurira intumwa zanjye ubwo bwoba. Bityo ntangira urugendo rwanjye rwa nyuma i Yeruzalemu njagaraye cyane mu byiyumviro. Brw3/146

Ku ruhande rumwe, nari ndambiwe gukiza indwara, kuvuga no kwigisha abantu bategaga amatwi basamyeye ntibagire icyo biyumvira mu byo nageragezaga kubabwira. Nari naribwiye ko ubuhanga bwanjye bwajyaga guha rubanda ubushobozi bwo gusohoka mu kaga kabo kandi, byibuze, bagashyikirana na **‘Data’** maze bakarabukwa **‘Ingoma y’Ijuru’**. Brw3/147

Nta kimenyetso kigaragara cy’iryo kanguka nya-roho nari narigeze mbona, emwe no mu ntumwa zanjye. Brw3/148

Uko gukurayo amaso no kumva ntarageze ku ntego byatumaga numva nishimiye kuva mu buzima bw’isi nkigira mu mibereho y’ikuzo nari nzi ko integereje hakurya y’urupfu. Brw3/149

Ku rundi ruhande, nibazaga ukuntu nzihanganira ububabare bwo kubambwa ku musaraba. Brw3/150

Mu gihe cyose cy’ubutumwa bwanjye, nari narabayeho numva mfite umutima wasaga n’uhora utuje - kenshi ndetse nezerewe rwose – ibitekerezo byanjye byerekeje ku **‘Ibonunumva ry’Urukundo Data’**, umuremyi w’ikiriho cyose, nzi neza ko napfaga gusaba gusa maze icyo nsabye cyose kigahera ko cyigaragaza. Ubu se noneho najyaga gukomeza umutima mu gitereko banjyanye imbere y’Inteko Nkuru, bansohoye ku gasozi ngo mbambwe, bansinzemo imigera ku musaraba uburemere bw’umbiri wanjye bunagana ku biganza byanjye? Brw3/151

Kubera ko noneho nari ndimo mpa urwaho ubwoba no gushidikanya, urugero rusanze rw’inkurikirane¹⁷ z’ibonunumva ryanjye rwari rurimo rugabanuka. Byari birimo bimanura mu nkurikirane z’ibonunumva ryo ku rwego rw’isi. Brw3/152

Nuko nsubirwa n’amahane yanjye ya kera, yayandi yanteraga gukora amateshwa ntajyaga na rimwe kwihanganira mbere, igihe nari nkiri mu busabane **n’ ‘Ibonunumva ry’Urukundo Data’**. Gushidikanya n’amakaraza nari nifitemo biserurira mu buzima bwanjye nk’amarangamutima nya-muntu na mushyiguzi byicaga **Itegeko Mpuzahose ry’Urukundo**. Brw3/153

Habanje iby’igiti cy’**Umutini**. Nari nshonje ngenda nsanga icyo giti ariko numva ntari buboneho imbuto, kuko hatari ku mwero w’imitini. Nuko mbuze ‘imbuto’, igiti cy’umutini ndakivuma. Nyuma y’amasaha 24 igiti cyari cyumye kugera ku mizi. Brw3/154

Byabaye ikintu giteye ubwoba. Bwari ubwa mbere amagambo yanjye agira icyo yonona. Ariko byereka intumwa zanjye, ku buryo bugaragara, ububasha bw’IGITEKEREZO, haba mu byiza cyangwa mu bibi. Bibagaragariza ko, uko umuntu arushijeho kuba akerebutse mu buzima nya-roho, ari ko amagambo ye arushaho kugira ingaruka ku bimukikije. Brw3/155

¹⁷ Frequencies

Ubwo mboneraho akanya ko kubwira abigishwa banjye ko nari nahubutse, nk’uko abantu benshi babigenza, iyo bari biteze ibintu bihambaye, noneho ntibabashe kubigeraho. Ku busanzwe babyifatamo bagaragaza uburakari, amarira, amahane, ndetse n’amagambo asesereza, ashobora kumera nko kwifuriza inabi cyangwa imivumo ku wabimye icyo umutima wabo wifuzaga. Bari bamaze kwibonera ubwabo icyo umuvumo wanjye wari wakoreye igiti cy’umutini. Brw3/156

Ubu bashoboraga kumva ko, niba ukudashidikanya guhamye gushobora gutuma icyo bifuzaga cyangwa bishushanya mu mutwe cyose kibaho, ari na ngombwa guhora bitwararitse imimerere yabo ya gatekerezi-marangamutima¹⁸. Ntibagombaga gutindikira inzika ku bandi, ahubwo bagombaga kubabarira byihuse, naho ubundi bashoboraga guhemukira bikomeye abo bafitiye inzika ... icyo gihemu kikazabagaruka igihe kigeze, nk’umusaruro w’icyo babibye. Byongeye, uko umuntu abibye ni ko asarura. Nari nzi rero ko ibyo nari nakoreye umutini byari buzangaruke byanze bikunze. Brw3/157

Nuko njyana abigishwa banjye muri Hekaru. Nari maze imyaka ndaherukayo, kandi nari nzi ko kujyayo byari kuba imbarutso y’ibyayyaga kunteza kubambwa ku musaraba. Abantu bamwe baramenya, maze kubera ko bari babinsabye, ntangira kubigisha. Haza n’abandi baratwegera bitera icyugazi abaguriza-mafaranga¹⁹, na bo batangira kubinuba. Urusaku n’amaganya byabo bituma ncikiza ibitekerezo hagati mu nyigisho. Brw3/158

Nuko umujinya wanjye uragurumana. Aha hari abantu bankikije bashakana umuhate kwumva amagambo y’UBUZIMA nari hafi yo kutongera gushobora kubabwira, hariya hari abaguriza-mafaranga bari batanzwe no kugurisha amatungo y’ibitambo bitari binafitiye akamaro rubanda. Nta kindi bari bamaze usibye gushora rubanda mu myenda n’ubukene. Numva imitsi yo mu mutwe irareze, mpirika ameza, amafaranga yabo ndayanyanyagiza, nsohora mu Hekaru abo bantu bari bafite amafaranga mu mwanya w’umutima. Brw3/159

Nuko havuka akaduruvayo k’induru n’imiborogo. Abantu bamwe batangira gukambakamba batoragura amafaranga. Abaguriza-mafaranga baramvumagura, bavuga ko ndi umuntu mubi, ukora umurimo wa Belizeburi n’andi mashitani akangari. Abaherezabitambo n’Abafarizayi, kimwe n’abandi bose bahaga agaciro gakomeye ibitambo mu Hekaru, barahurura baje kureba igiteye iyo nduru n’imivurungano. Brw3/160

Bumvise iby’abaguriza-mafaranga bavugaga, barandakarira cyane, maze si ukumvuma biva inyuma, barushanwa kuzamura ijwi kugira ngo Abaherezabitambo bumve iseseme bari batewe n’ibikorwa byanjye. Nta na rimwe hari harigeze haba ibintu nk’ibyo mu Hekaru. N’abari banteze amatwi mbere bari bumijwe n’iryo gugu ryanjye, barimo bibaza uwo nari we. Bari bahagaze hamwe bareba ibyabaga, maze Abaherezabitambo n’Abafarizayi barababona, barabegera, babumvisha ukuntu nageragezaga gusenya ibyo bari basanzwe bemera byose, mbigisha ‘Imana’ itari yo, itandukanye na buri kintu bari barayibwiweho mu nsengeru zabo. Abaherezabitambo bakongeza uburakari bwabo muri rubanda, maze babemeza ko bazandura icyaha cyanjye nibakomeza kumva ibisazi byanjye. Gahoro gahoro abantu bagenda bemezwa ko nari mbabereye urugero rubi, kandi

¹⁸ Mental-emotional condition (*)

¹⁹ Money lenders (*)

ko nari nkwiye gukurwaho mbere y’uko mbangamira amahoro y’igihugu, ngatuma uburakari bw’Umutware w’Umunyaroma bumanukira ku gihugu cyose cya Palesitina. Brw3/161

Abigishwa banjye, bakozwe n’ikimwaro cy’ibyo nari maze gukora, bava aho, bagenda bihishahisha mu tuyira ahitaruye Hekaru. Aho bagarukiye kundeba bishyize kera, banyerurira ko ibyo nari nakoze byabaruhije cyane kubyakira. Bibazaga niba ntari nataye umutwe, niba ntari nasaze, nihanurira ko ngiye gupfa hanyuma ngakora ibintu nyirizina byajyaga kuba intandaro y’urwo rupfu. Brw3/162

Ni muri icyo gihe Yuda, utari yarigeze areka burundu ibyemerwa bya kiyahudi, yatangiye gushidikanya ibyo kuba Umukiza kwanjye. Dore nari maze imyaka itatu nigisha, nyamara igitugu cy’Abanyaroma ntabwo cyari kigeze gicogora. Imyaka itatu yose abantu batararushaho kwegera ihirwe nari narabasezeranyije. None byasaga n’aho ngiye kubangamira amahoro - nkaba nabateza uburakari bw’Abanyaroma. Yumva ko ngo Umuherezabitambo Mukuru yashakaga kunyikiza, na we asezerana kuzanyerekana igihe bazabimusaba. Brw3/163

Igihe kigeze cyo gusangira n’abigishwa banjye Pasika y’Abayahudi, nkora ku buryo tubasha kuyirira twese hamwe mu cyumba cy’amafunguro kigari. Nari nzi ko bwari ubwa nyuma ngiye gufungura ku byo ku isi. Sinshaka gusubira cyane mu ibonunumva ry’iryo joro. Brw3/164

Numvise ngize agahinda **kenshi** ko kuba ngiye gusiga abigishwa banjye n’ukuntu bari baranyitangiye. Muri jye ako gahinda gahindana n’ubwoba n’imitima irwana. Nkajya ngira ntya nkumva umutima wanjye umfitiye impuhwe nyinshi. Numvaga nta n’umwe wumvise ibyo nagerageje gukorera umuryango wanjye n’igitambo nari niteguye kubatangira. Brw3/165

Yohani yarimo abara nk’uwaruhari inkuru y’ijoro rya nyuma ry’Abayisiraheli mu gihugu cya Misiri mbere y’uko bahungira mu butayu. Agaruka ku mabwiriza ya Musa kuri buri mutware w’umuryango yo kwica intama itagira inenge, igatekwa ku buryo runaka, amaraso yayo bakayasiga ku nkomanizo z’imiryango y’inzu zose z’Abayisiraheli, ngo kuko muri iryo joro abamalayika bari kuza kwica abana b’imfura b’Abanyamisiri n’amatungo y’amariza yabo yose. Mu mvugo iryoshye, yibutsa imiborogo y’ Abanyamisiri igihe babyutse basanga muri buri muryango abana b’imfura bose bari mu kiziba cy’amaraso, nta n’umwe warokotse. Brw3/166

Bwari ubwoko bw’inkuru ziteye ishozi narwanyaga nk’izitagira agaciro na kamwe ku muntu ushaka Ukuri kwisumbuye mu bya roho. Nkibaza urugero nyarwo abigishwa banjye bari barumvise igihe nababwiraga **‘Se wo mu Ijuru’** n’Urukundo afitiye inyoko muntu iyo iva ikagera. Bashoboraga bate kwishimira igitekerezo cy’ ‘abamalayika’ bica abana b’uburiza b’Abanyamisiri kandi nari narababwiye ko ‘Imana’, **‘Data’**, yari **Urukundo** ? Brw3/167

Ariko Abayahudi bari baramye bahibikanywa no kumena amaraso ngo bahongerere ibyaha byabo. N’Aburahamu ubwe, wahanze Umuryango wa Isiraheli, yari yaremeye kujyana umwana we w’ikinege mu butayu ngo amwice, amuture Imana ho igitambo. Igiterekerezo gipagani kandi giteye umujinya ! Brw3/168

Nibuka ibitambo by'amatungo byaturwaga mu Hekaru. Kuri jye, n'ukuntu nakundaga ibiremwa kamere byose, uwo mugenzi wari ishyano. None dore nari ngiye kwicwa kuko nari naratinyutse kuvuga amagambo y'Ukuri. Nanakwitegereza ukuntu ari gake nari narabashije gutambutsa ubumenyi bwanjye, nkibaza icyatumye noherezwa mu butumwa nk'ubu! Numva ikibatsi cy'akanya gato cy'umunabi n'umujinya kirimo kirivanga n'ibiyumvo by'urukundo nari nsanganiwe abo bagabo. Brw3/169

Nibazanya akantu k'ubuninuzi ikimenyetso nyacyo nashobora kubasigira ngo bazakibukireho inyigisho zanjye, igihe nzaba ntakiri kumwe na bo. Niba barashoboraga kwibagirwa vuba bigeze aha inyigisho zanjye zose ku **'Rukundo rwa Data'**, ahubwo bakishimira inkuru iteye ishozi ya Pasika y'Abayahudi nkiri kumwe na bo mu cyumba - ni ibingana iki bajyaga kwibuka maze gupfira nk' 'umugome' ku musaraba, urupfu rurusha izindi zose gusuzugurika? Nuko binzamo ko, ubwo **kumena amaraso** byabakoraga ku mutima, nabaha amaraso ngo bajye bayanyibukiraho ! Brw3/170

Nkiri muri ibyo bitekerezo byo kuninura, mfata umugati, ndawumanyura maze nywuhereza intumwa zanjye mbabwira ngo nibawurye. Ngereranya imanyurwa ry'umugati n'imonyurwa ry'umubiri wanjye ryari imbere, maze mbasaba kujya basubiramo iryo 'manyurwa n'igaburwa ry'umugati' nk'uburyo bwo kwibuka ihara ry'umubiri wanjye ngo mbazanire UKURI - Ukuri ku byerekeye Imana n'Ukuri ku byerekeye Ubuzima, Ukuri ku byerekeye Urukundo. Brw3/171

Babonye meze ukuntu kudasanze, barekera aho kurya, batega amatwi, bafata wa mugati bawurya badakoma. Hanyuma mfata igikombe cyanjye cya divayi ndakibazengurutse mvuga nti buri wese asomeho kuko cyari ikimenyetso cy'amaraso yanjye yaragiye guseswa ku mpamvu z'uko nari naratinyutse kubamenyesha **Ukuri kw'Imibereho**. Brw3/172

Mbona ko imivugire idasanze yanjye hari abo yari yakoze ku mutima. Nta gucuranwa, buri wese amira agatama nyuma ahereza mugenzi we. Ariko bakomeza guceceka. Bumvaga nkomeje kandi nta mpaka zindi nari kwihanganira. Brw3/173

Nuko mbabwira ko umwe muri bo yari agiye kungambanira. Brw3/174

(Mu mutima numvaga ikibimuteye, kandi nari nzi ko uruhare rwe rwari ngombwa mu byari bigiye gukurikiraho. Nta kindi yarimo akora usibye gukina mu mwanya kamere ye yamushishikarizaga. Nari nzi ko azababara cyane, nuko numva mugiriye impuhwe. Ariko ibyo bitekerezo sinabitungura ndabyihamanira.) Brw3/175

Mvuze ko umwe muri bo yari agiye kungambanira nkanabwira Yuda guhaguruka akajya gukora vuba ibyo yagombaga gukora, abigishwa barakanguka, bibaza niba koko bwari ubwa nyuma dusangira. Ubu noneho hari uguhungabana gukomeye kw'imitima, ibibazo byinshi ndetse no kunyijutaho ngo kuko nari nabajyanye mu mutego nk'uwo. Ikindi, bibazaga uko bazamera maze kugenda. Bibazaga uko bagaragara mu muryango ndamutse mbambwe. Bati tugiye kuzahabwa urw'amenyo. Ngo nta muntu uzongera kwemera ijamba ryabo ukundi. Brw3/176

Agahinda kanshegeshe kubera uko kwakirana ubwikunde akaga nari ndimo, mbahamiriza ko batagombaga kugira ubwoba kubera umutekano wabo. Bajyaga kuntererana ntibagire aho bahurira n'ibambwa ryanjye. Mbagira inama ko nyuma y'urupfu rwanjye batatana bagasubira mu Galileya. Ibyo Petero biramubabaza cyane aragagambuka, arahirana ubukana ko atazanyihakana na rimwe. Ariko nyine yarabikoze. Urukundo rwose nari naragiriye abo bagenzi banjye, ibyo nari narifuje kubakorera byose – muri iki gihe nanjye nari ngezweho - biba byituwe kutumva, ndetse no kunangira. Bari bababajwe gusa n'uko bazamera. Nta jambo ryo kumpoza, nta butabazi, nta kubabazwa n'ikigeragezo cyari kintegereje. Brw3/177

Ndatekereza nti mbega ukuntu umutima w'umuntu ari urutare! Hazagomba guhita ibinyejana by'akababaro bingana iki mbere y'uko abantu babasha kurenga ibikomere n'akababaro bwite, ngo bumve n'agashweshwe k'urukundo n'impuhwe ku bandi bagirabyago babarusha kuba habi? Brw3/178

Nuko, n'ubwo nari nashobewe bya cyane – ndetse nanakomeretse - kubera imyakirire yabo y'ubwikunde, ntibyambuzza kumva abigishwa banjye no kugerageza kubatera guhagarara gitwari imbere y'ahazaza, kandi mbasezeranya ko nzaba ndi kumwe na bo iteka, n'igihe bazaba batakimbona. Umurimo nari naratangiye wajyaga kuzakomeza biturutse mu buzima bukurikira. Sinajyaga kuzabasiga bonyine. Bajyaga kumenya no kumva ukuhaba kwanjye, kandi icyo kikababera ikiramiro. Mbabwira kuzakomera ku mibukiro yabo y'igihe twari kumwe. Mbateguza ko hari benshi bajyaga kuzakomeza mu bumenyi nari narabahaye, ariko ko hari buzabeho n'intarutsi zizashakisha kwinjiza mu nyigisho zanjye ijwi ry'uruhererekane karande n'imatekerereze isanzwe. Amagambo yanjye yajyaga kuzagorekwa ku buryo bizarangira atakirangurura Ukuri kw'umwimerere nazaniye isi. Brw3/179

Mbabwiye ko ibyo bizaba bagira igishyika, ndetse bibakura umutima. Numva umutima urururutse kuko ibyo byanyerekaga ko inyigisho zanjye zitari zarabaye impfabusa – ko zitari zaraguye mu matwi azibye buheriheri. Nuko bansaba kubabwiraho byinshi, ariko nzamura ibiganza mbabwira ko ibyo ari byo byonyine nashoboraga kuvuga. Brw3/180

Aho nari ngejeje aho, numva ko ibyo nifuzaga kuvuga byose nkiri ku isi nari mbirangije, ko ibiganiro byanjye n'abantu byari byarahumuje. Icyo nifuzaga cyane kuruta ibindi kwari ukwiherera mu bucece ngasanga amahoro n'ikiramiro mu isangano ryanjye na 'Data'. Brw3/181

Tuva muri cya cyumba twafunguriyemo twerekeza ku Musozi w'Imizeti, ariko isura y'abigishwa banjye yari iy'imitima irwana, ubwoba no gushidikanya. Abenshi muri bo baragenda basanga imiryango n'incuti bari bagihimbaza Pasika y'Abayahudi. Brw3/182

Mu busitani hari urutare rudasanze, rukoze nk'ubuvumo buto. Nakundaga kurwikingamo umuyaga. Nuko ndahicara, ndazirikana kandi ndasenga, nshakisha inzira igana ubushyikirane buhimbaje nari narigeze kugeraho mu bihe byashize. Nari nzi ko nimbasha kwinjira mu busabane n' 'Urukundo Data', ubwoba nari mfite bwajyaga kuyoyoka maze ngasubirana ukwiyizera gusesuye kandi kwuzuye amahoro. Uko numvaga ububasha bw'Urukundo buntahamo bukirarurira ibonunumva nya-muntu ryanjye, ni ko imbaraga zo kwihanganira akari

kantegereje zigaruriraga umutima wanjye. Nari bushobore guhama mu Rukundo no kugaba Urukundo kugeza ku ndunduro. Kandi ni ko byagenze. Brw3/183

Sindi bunagerageze gusubira mu buryo nabayeho urubanza rwanjye n'ibambwa. Ibyo ntacyo byamara. Brw3/184

Aho mfiriye ku musaraba, umwuka umaze kuva mu mubiri wari wishwe urubozo, nererezwa mu **RUMURI** rutavugwa kandi rubengerana. Nari mbumbatiwe mu bushyuhe n'umunezero by' **URUKUNDO** birenze ibyo nari narigeze menya mbere. Numvaga nsa n'ukikijwe n'ibisingizo, n'icyizere gihamye cy'uko nari narakoze neza, ndi mu munezero wo gutwarwa n'ingufu sanzure zo gukomeza umurimo, ndi mu byishimo n'ubunyurwe birenze kure ibyo ubuzima bwo ku isi buzapfa bugezeho. Nari ndi mu mibereho mishya kandi y'ubwiza butangaje, ariko simbure kururuka mu ibonunumva ngo ngume hafi y'abo nari nasize inyuma. Mbasha kwiyereka abari bafite ubushobozi bwo kumbona. Cyakora inkuru ko ngo Tomasi yankoze mu bikomere yo ni amateshwa. Brw3/185

Intumwa zanjye ntabwo zari zizi ko nari narumvikanye mu ibanga na Yozefu w'Arimateya, ngo nimara gupfa, azatware umurambo wanjye awujyane mu mva ye bwite yari itarakoreshwa, awuhasigire imibavu mbere y'uko izuba riranga, nk'uko byagendaga mu mucu. Nyuma bumaze guhumana, abantu bose bagihugiye mu mihango ya Sabato i Yeruzalemu, afashijwe n'abagaragu be babiri b'inkoramutima bagenderaga ku mafarasi, akazafata umurambo wanjye nijoro mu ibanga ngo awujyane, ku manywa bakanyura mu tuyira tutamenyerewe, agende yerekeza ku musozi wari hafi ya Nazareti, mu Galileya. Iyo ngiyo, abifashijwemo na bene wacu, aramutse akurikije neza uko nari namurangiyeye, yari kuhasanga isenga ritoya ryihisha najyaga kera nikingamo amahuhezi, nkanahihisha rubanda igihe nari muto, mbabaye kandi nigometse, mpanganye n'isi yose. Yozefu ansezeranya ko iryo senga azaritahura agendeye ku ikarita nari namuhaye maze akahansiga, amaze kongera kunsiga imibavu. Agahindira iryo senga akarumya, kugira ngo harindwe ibyinjirizi. Aho ni ho umubiri wanjye waruhukiye, utagira ikiwuhungabanya. Brw3/186

Byamvuzweho ko ngo 'umubiri wanjye wazutse mu bapfuye'. Mbega iteshwa ryahimbwe na za gatekerezi zo ku isi zabuze uburyo bwumvikana bwo gusobanura urupfu rwanjye ku musaraba nk'umwangizi! Brw3/187

None se kuki nari gukenera umubiri wo ku isi ngo nkomeze ubuzima mu rwego rukurikiyeho? Uwo mugani w'amanjwe wabashije ute gukomeza umutsi kugeza mu kinyejana cya 21? Cyabaye igipimo cy'imyumvire mike y'abitwa 'abakirisitu', kuba barakomeje kwemera buhumyi ihame nk'iryo kugeza magingo aya. Brw3/188

Nimubyibazeho mwitonze. Nyuma yo kubohorwa umubiri wo ku isi no gusogongera ku munezero n'ikuzo by'ihabu byo kwinjira mu rwego rwisumbuye **RW'IBONUNUMVA MPUZAHOSE**, kuki nari gushaka kugaruka mu rwego rw'isi ngo nongere ninjire mu mubiri wanjye? Wari kumarira iki mu isi yanyu cyangwa mu yanjye? Mu gihe 'ingizi ifatika'²⁰ y'umubiri wanjye yashoboraga guhindurwa nk'umwuka igihe yabaga yanywanye mahwi n' **Ibonunumva ry'Urukundo Data** nkiriho ku isi, aho umubiri

²⁰ Physical substance

wanjye ntiwajyaga kuntera imbogamizi no kumbera inzitizi mu ngendo zanjye zari zigiyeye gukurikiraho mu bushorishori bw'Ingoma z'Umwuka? Brw3/189

Ibintu bigaragara burya nta kindi biri cyo usibye ukwiyerekana kw'inkurikirane zihariye z'imivumero y'ibonunumva zirema 'UBURABAGIRANE BW'IMIKUNGUGU CYANGWA UTUVUNGUKIRA TW'AMASHANYARAZI' bitanga ibisa n' 'ibintu' bifashe. Buri ngizi igaragara ifite urukurikirane rw'imivumero rwayo bwite. Impinduka mu rugero rw'imivumero ibyara impinduka mu misusire y'"ikintu". Uko imbaraga z'ibonunumva zihinduka ni na ko isura y'"ikintu' ihinduka. Brw3/190

Nguko uko byanshobokeraga gukusanya no kugabanya inkurikirane zanjye z'ibonunumva kugeza aho iforoma yanjye yashoboraga kubonwa n'ijisho ry'umuntu. Nashoboraga kugarukira intumwa zanjye zikambona. Ni na ko nabigenje. Narabakundaga bitambutse uko nari narigeze mbakunda mbere, kandi nabagombaga umunezero n'inkunga bingana uko nashoboraga kubibaha nyuma yo gupfa kwanjye. Si ibyo gusa, byari ngombwa ko nganisha ububasha bwanjye bwite muri gatekerezi zabo, kugira ngo mbahe inkubito²¹ n'ubutwari byo gukomeza umurimo nari naratangiye. Brw3/191

Nyamara, ndagira ngo mbamenyeshe ko 'ibonunumva ryihariye' ryazamutse mu nkurikirane z'imivumero kugera ku marembo nyirizina y'**Urwego Ruremyi Mpuzahose** rihinduka **URUMURI RWIHARIYE, IBONUNUMVA RYIHARIYE** ridakeneye umubiri wo kugaragarizamo no kunogerwa n'ibyo **IBONUNUMVA RY'IKUZO** rishobora guhimbira mu bushorishori **BW'INGOMA Z'UMWUKA**. Ni imibereho ihanitse kandi ihimbaje itagira na kimwe mu bikenerwa, ibyifuzo na mushyiguzi biranga abatazamatse byuzuye hejuru kure ya jye-babona. Brw3/192

Igihe mukiri ku isi, gatekerezi zanyu zizirikwa mu ngeri zimwe na zimwe z'inkurikirane z'imivumero, zifungiraniye mu mibiri igira ibikenerwa byayo bwite. Ibonunumva ryanyu riramutse rirenze izo ngeri, jye-babona zanyu nya-si yayoyoka. Igihe nari narafatiye mu mubiri, nanjye ahanini nari mfungiraniye muri izo ngeri z'inkurikirane z'imivumero n'ibonunumva. Brw3/193

Byongeye kandi, impimbamashusho²² zanyu yonyine ntishobora kwigema aharenze ibyo mwabayemo mbere, bityo mufungiraniye mu mpitagihe zanyu mukaba ari yo muterera imbere mu nzagihe. Brw3/194

Ariko, -buhoro buhoro- muzayoborwa n'izo gatekerezi zishoboye kumva ku buryo zinjira mu nzego zisumbuye z'umwuka, bityo zigashobora kurenga imipaka zanyu y'ibonunumva. Zizabasogongerera iyo mibereho y'agahebuzo n'iyi miterere y'ukuba irenze iyanyu bwite, noneho namwe ubwanyu mubashe kuyirarikira. Ni kuri ubwo buryo muzajya mbere ku mbariro cyangwa intambwe z'imikurire ya roho. Brw3/195

Buri ntambwe ibazanira intumbero yisumbuye y'igishobora kugerwaho, maze muhereye kuri iyo ntumbero, mukiha indi ntango. Mushingiye kuri iyo ntango itaretsa kubaba imbere, mugashishikarira kwiyuhagira ubwandu buhumanya bwa mushyiguzi 'hambira-jugunya' z'imibereho zanyu nya-si. Intambwe ku yindi mukarenga jye-babona zanyu. Brw3/196

²¹ Impetus (*)

²² Imagination

Iyo murenze jye-babona yanyu igapfa mu ibonunumva ryanyu, ubwo noneho muba bazima bikungahaye mu **'Ibonunumva ry'Urukundo Data'**, maze mugasanga ireme ry'ingoma y'ijuru mu buzima bwanyu, muri mwe no mu bibakikije. Brw3/197

Kugirango mbashoboze MWEBWE gushyikira ubwo bushorishori bw'urukundo, ibyishimo, ubudahugana n'umunezero, nabayeho, ndakora kandi mpfira muri Palesitina, akaba ari na yo mpamvu ngarutse ubungubu muri aya **Mabaruwa. Brw3/198**

Ntimuzatume umurimo wanjye uba impfabusa bundi bwa kabiri. Uko muzagenda musoma izi nyandiko, mushakisha, muzirikana kandi musenga kugira ngo muhumekerwemo, muzagera aho mwumve igisubizo **'cya Data'**, kandi nimutega amatwi buri muni mudahuga, muzumva **Ijwi 'rya Data'**. Brw3/199

Iryo Jwi riri kumwe namwe ubuzira herezo. Nimusenye ibihindizo byaremwe n'izima. Nimwikingure kugira ngo mwakire imbaraga, ububasha, icyongorero n'urukundo bivubuka mu **'Ibonunumva ry'Urukundo Data.'** Brw3/200

Musome musubira aya **Mabaruwa** ku buryo agera aho agacengezwa mu ibonunumva ryanyu. Uko muzagenda mukora mutyo, muzaba mugana **Urumuri** kandi murasirize **URUMURI** ku bandi. Bene urwo **RUMURI** si urusanzwe nk' 'urumuri' rw'amashanyarazi, ahubwo ni kamere nyirizina y'**IBONUNUMVA MPUZAHOSE'** nabasobanuriye mu **Ibaruwa** yanjye ya **1**. Brw3/201

Bityo, nimwakirana **URUMURI**, muzakirana urukundo rutagira ikigombero. Muzashyigikira ugukura n'ukujya mbere kwa roho kwa buri kinyabuzima. Muzahangariza kuba ifunguro no kugaburira, muzaharanira guteza imbere umutekano, gukizwa no kurera. Muzifuzaga gufasha abandi gushyiraho imbenezamubano n'amategeko byuje urukundo, bizatuma abantu bose babana mu mudendezo, bahiriwe kandi batunganiwe. **Muzaba muri mu Ngoma y' Ijuru. Brw3/202**

Ariko nanone ntimwibeshye. Uko intambwe zizagenda ziterwa mu gutangariza aya **Mabaruwa** isi yo hanze, hazabaho nanone kuvuguruzwa, gucira urubanza rubi, kuvuga ngo ni ibya Shitani, umushukanyi, neza neza nk'uko byagenze igihe nigishaga bwa mbere muri Palesitina. Ntimucike intege, musenge kugira ngo mugire ubutwari. Abazakomeza umutsi kugeza ku ndunduro baziye gura bacike imivurungano n'urugomo, maze bazaruhukire mu mahoro n'ibyishimo by'Ingoma y'Ijuru. Brw3/203

Ni icyifuzo cyanjye, Kristu, kirusha ibindi imbaraga ko aya MABARUWA atangazwa vuba akagezwa ku bashaka Ukuri. Nimushaka kugaragaza ko ibyo muvuga mwabikuye muri aya MABARUWA, muje mugaragaza isoko neza cyane, mutya: AMABARUWA YA KRISTU, www.christsway.co.za, (Izina ry'Igitabo: KRISTU ARAGARUTSE-ARIVUGIRA UKURI KWE).

URUTONDE RW'AMAGAMBO**AMWE N'AMWE Y'INGENZI****ASOBANUYE**

Urukundo nya-juru (Boundless celestial love/ Amour Céleste illimité) : Urukundo rw'ijuru rutagira imipaka.

Imimerere nya-roho-nya-muntu (Spiritual-human condition/ la condition humaine-spirituelle) : Imimerere ya roho – ya muntu.

Amashanyarazirukuruzi (Electromagnetism/ électromagnétisme) : Ingufurukuruzi zigendana n'amashanyarazi.

Ingizi (Substance/Substance) : Ikigize ikintu.

Ibifatika (matter/matière) : ibiriho bigaragara.

Inkurikirane z'imivumero (Vibrational frequencies/ fréquences vibratoires/ fréquences de vibrations) : buri kintu kirangwa n'injyana y'imitigito cyihariye.

Ubwisanzure bw'ingufu (*spectrum of energy /le spectre d'énergie*) : umwanya ingufu zisanzuramo.

Incenga z'agasani (Energy particles/ particules d'énergie) : utuntu duto nk'umukungugu tugize imbaraga z'ukubaho.

Imiterere y'umwuka (Spiritual state/ état spirituel) : uko umuntu ateye mu byerekeye ubuzima bwe bwa roho.

Uruti remezo (Atomic structure/ Structure atomique) : Imiterere cyangwa inyubako y'akaremangingo.

Ukongorerwa (Inspiration/inspiration): indi nyito y'Imurikirwa.

Impimbamashusho (Imagination/Imagination) : Ukwishushanya mu bwonko.

Inti zigaragara (the visible and physical structures/ structures visibles et physiques) : inkingi zubatse ibigaragara kandi bifatika.

Imimerere ya gatekerezi-marangamutima (Mental-emotionnal condition/ état mental ou émotionnel) : uburyo umuntu ameze muri gatekerezi no mu mbamutima.

Abaguriza-mafaranga (the money lenders/les prêteurs sur gages) : Abaguriza amafaranga ku bugwate.

Inkubito (impetus/impulsion): mushyiguzi, imbaraga zihagurutsa.